1999

| REPUBULIKA Y'U RWANDA | REPUBLIC OF RWANDA | REPUBLIQUE RWANDAISE |
|---|---|---|

**ITEGEKO N° 12/99 RYO KU WA 02/07/1999 RYEREKEYE UBUHANGA MU BY'IMITI.**

**Twebwe, Pasiteri BIZIMUNGU,**
**Perezida wa Repubulika,**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho, mu nama yayo yo ku wa 20/05/99;

Ishingiye ku Itegeko Shingiro cyane cyane Itegeko Nshinga ryo ku wa 10 Kamena 1991 mu ngingo ya 69, iya 75, iya 78 n'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha mu gice cyerekeye igabana ry'ubutegetsi mu ngingo ya 6-d, iya 40, iya 72 n'iya 73;

Ishingiye ku Itegeko n°10/98 ryo ku wa 28 Ukwakira 1998 ryerekeye ubuhanga bwo kuvura cyane cyane mu ngingo ya 9 n'iya 10;

Isubiye ku mpeshabubasha n° 27 bis/Hyg,yo ku wa 15 Werurwe 1933 yerekeye ubuhanga mu by'imiti, nk'uko yahinduwe kandi ikuzuzwa kugeza ubu;

**YEMEJE:**

**INTERURO YA MBERE: IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere:**

Muri iri tegeko, ubuhanga mu by'imiti bukubiyemo ibikorwa byose bigamije gutegura, gukora, kugenzura imimerere, gupfunyika, cyangwa gushyikiriza abantu imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi n'iyo byaba ku buntu.

Ubuhanga mu by'imiti bukorwa ukurikije itegeko na Politiki y'Igihugu mu bya Farumasi ishyirwaho na Guverinoma ibisabwe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Cyakora, ibikorwa by'abavuzi ba gihanga ntibirebwa n'iri tegeko; bigengwa n'itegeko ryihariye.

**Ingingo ya 2:**

Muri iri tegeko, umuti ni ikintu cyose cyerekanywe nk'aho gifite ubushobozi bwo gukingira cyangwa bwo kuvura indwara z'abantu, cyangwa iz'inyamaswa, ndetse n'ikindi kintu cyose cyagenewe guhabwa umuntu cyangwa inyamaswa kugira ngo hashobore gukorwa isuzuma ry'indwara, gusana, gukosora cyangwa guhindura imikorere y'umubiri cyangwa iy'ubwenge.

Muri iri tegeko, ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi ni ibi bikurikira:

1° Imiti igenewe gukoreshwa mu buvuzi bw'abantu cyangwa mu buvuzi bw'inyamaswa;

2° Imiti ikora nk'ibiyobyabwenge;

3° Ibikoresho byo mu buvuzi byerekanywe ko bihuje n'ibikubiye muri farumakope zose zemewe mu Rwanda;

4° Ibintu n'ibikoresho byafunzwe ku buryo bigurishwa ku baturage bitavuzwe kuri n°1, ariko byagenewe gusuzuma indwara cyangwa gusuzuma ugutwita;

5° Imiti yica udukoko n'ibisandorwe byagenewe gukoreshwa ku muntu cyangwa ku nyamaswa;

6° Ibintu bikoreshwa mu gusukura, mu gufata neza cyangwa mu kwambara indorerwamo z'amaso.

Muri iri tegeko, integuro ikoreweho ni umuti wose ukorerwa muri farumasi ako kanya hakurikijwe uko umuvuzi wemewe yabigennye kandi ugenewe umurwayi runaka.

Muri iri tegeko, integuro isanzwe ni umuti wose ukorewe muri farumasi hakurikijwe uburyo bukubiye muri Farumakope cyangwa mu Nyandiko ngero y'Igihugu, ushobora guhabwa abantu bagana iyo farumasi.

**Ingingo ya 3:**

Amaraso n'ibiyakomokaho bigengwa n'itegeko ryihariye.

**Ingingo ya 4:**

Gutegura, gukora, kugenzura imiterere, gufunga, gushyingura, kohereza no gutumiza mu mahanga cyangwa gukwirakwiza ibintu by'imirire myiza, inozamubiri, ibintu byo gusukura umubiri n'ibibuza gusama bitari imiti ntibirebwa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 5:**

Imiti igomba kuba ihuje n'ibikubiye muri farumakope nyarwanda ivugwa mu ngingo ya 75 y'iri tegeko.Mu gihe iyo farumakope itarashyirwaho, hazakurikizwa farumakope imwe izagenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**Ingingo ya 6:**

Haseguriwe ingingo z'iri tegeko zibiteganya ukundi, Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze yemerera gukora ubuhanga mu by'imiti umuntu wujuje ibi bikurikira:

1. Ufite impamyabumenyi y'Ubufarumasiye yatanzwe na Kaminuza yemewe n'amategeko mu Rwanda cyangwa indi mpamyabumenyi yemewe bihwanye;

2. Uwanditswe mu Rugàga rw'Abafarumasiye rugenga umwuga;

3. Ufite icyemezo cy'ubudakemwa mu mwuga gitanzwe n'urwo Rugaga;

4. Ufite ubwenegihugu nyarwanda cyangwa ku munyamahanga ufite uruhushya rubigenewe rutangwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, amaze kubigishamo inama Urugaga rw'Abafarumasiye.

**Ingingo ya 7:**

Ubuhanga mu by'imiti , aho buva bukagera, bukorerwa ahabigenewe hemewe n'amategeko. Bugomba gukorerwa mu bwisanzure no mu kwishyira ukizana ku nyungu z'ubuzima rusange n'iz'umurwayi.

Amategeko agenga imyifatire n'imico y'abafarumasiye agengwa n'Urugaga rw'Abafarumasiye yerekana aho ukwishyira ukizana mu mwuga wabo kugarukira.

## INTERURO YA II: IBYEREKEYE IBIGO BIKORERWAMO IBYA FARUMASI

### UMUTWE WA I: IBYEREKEYE INGINGO RUSANGE

**Ingingo ya 8:**

Ubuhanga mu by'imiti bukorwa n'umuntu ku giti cye wenyine cyangwa afatanije n'abandi mu bigo bikorerwamo ibya farumasi bikurikira:
- farumasi zidandaza
- ibigo biranguza, bikwirakwiza, bikanatumiza mu mahanga imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi cyangwa se ibigo biranguza.
- ibigo nganda bikora imiti n'ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi;
- laboratwari zigenzura imiterere y'imiti n'ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi.

Moh



**Ingingo ya 9:**

Buri kigo gikorerwamo ibya farumasi gicungwa byibuze n'umufarumasiye umwe yaba umukozi ubihemberwa cyangwa se nyir'ikigo ukora buri gihe aho. Uyu ashinzwe ku giti cye iyubahirizwa ry'iri tegeko n'amabwiriza arikomokaho.

Nta mufarumasiye ushobora gushingwa farumasi zirenze imwe.

**Ingingo ya 10:**

Umufarumasiye ushinzwe ikigo, iyo atazaboneka ku kazi, agomba gusimburwa n'umufarumasiye wemewe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Iyo atabonye umusimbura, agomba kubimenyesha ubutegetsi bw'akarere bushinzwe ibya farumasi.

**Ingingo ya 11:**

Hashyizweho Komisiyo y'Igihugu y'Ishingwa ry'Ibigo bikorerwamo ibya farumasi.
Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena abagize iyo Komisiyo n'imikorere yayo, ndetse n'ingingo zihariye zerekana ahashingwa za farumasi ku butaka bw'u Rwanda.

**Ingingo ya 12:**

Gushinga ikigo gikorerwamo ibya farumasi no kugikoreramo mu Gihugu bigomba kubanza kubonerwa uruhushya rwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena kandi impapuro za ngombwa ziherekeza isaba ry'uruhushya rwo gukora ibya farumasi.

Isaba ry'uruhushya ryohererezwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze mu ibaruwa ishinganye. Rikorwa na nyiri farumasi cyangwa umuntu wemerewe kuyihagararira.

Ibaruwa isaba iherekezwa n'ubwishyu mu rugero rugenwa na Minisitiri ushinzwe imari ya Leta.

**Ingingo ya 13:**

Uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze amaze kumva icyo Komisiyo y'Igihugu y'Ishingwa ry'Ibigo bikorerwamo ibya farumasi ibivugaho.

Uruhushya ruhabwa umuntu ku giti cye, rugomba kuba rwaratanzwe cyangwa rwimanywe mu gihe cy'amezi atarenga ane uhereye umunsi dosiye y'isaba yakiriweho muri Minisiteri. Kudatanga uruhushya bigomba kugaragarizwa impamvu.

Kubona uruhushya ntibibuza gushaka izindi mpushya zaba zisabwa n'andi mategeko.

**Ingingo ya 14:**

Uruhushya rwo gushinga ikigo gikorerwamo ibya farumasi no kugikoreramo rutangwa hatagenwe igihe ruzarangirira.

Cyakora, mu rwego rwo kubungabunga ubuzima rusange, Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze amaze kubigishamo inama umufarumasiye w'umugenzuzi, ashobora gutegeka ko ikigo gikorerwamo ibya farumasi gifungwa mu gihe kitarenze amezi atatu, iyo ibyangombwa bibazwa n'iri tegeko kitabyujuje cyangwa iyo umufarumasiye ushinzwe ikigo adashoboye akazi.

Kwambura burundu uruhushya rwo gukorera mu kigo gikorerwamo ibya farumasi biba habanje kugishwa inama y'Urugaga rw'Abafarumasiye n'umufarumasiye w'umugenzuzi kandi bose hamwe bagahuriza kuri icyo cyemezo.

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze amenyesha umuntu ko yafashe icyemezo cyo kumufungira by'agateganyo cyangwa burundu abinyujije mu ibaruwa ishinganye. Abimenyesha Minisitiri w'Imari, Minisitiri w'Ubucuruzi n'Umwanditsi w'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo ushinzwe ibitabo by'ubucuruzi.

**Ingingo ya 15:**

Ibyemezo bya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze birebana no kwambura by'agateganyo cyangwa burundu uburenganzira bwo gukora ibya farumasi bishobora kujuririrwa mu nkiko z'ubutegetsi zibigenewe.

**Ingingo ya 16:**

Ihindurwa ryose rya kimwe mu bintu byatumye uruhushya rutangwa rigomba kubanza kumenyeshwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze. Iyo hashize amezi ane ntacyo abivuzeho bivuga ko ihindura ryemewe.

**Ingingo ya 17:**

Guhagarikwa kw'ikigo gikorerwamo ibya farumasi bigomba kubanza kumenyeshwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze n'umwanditsi w'urukiko ushinzwe ibitabo by'ubucuruzi w'aho akorera, nibura mu minsi 30 nyuma y'uko ikigo gihagarara. Abaturage babimenyeshwa hakoreshejwe itangazo ryanditse ku buryo busomeka muri rumwe nibura mu ndimi zemewe mu Gihugu, rikamanikwa ahagaragara ku muryango w'ikigo, nibura mu gihe cy'amezi atatu kandi bikishingirwa ndetse bikishyurirwa iyo ari ngombwa na nyiri farumasi.

Mu gihe hataboneke uburyo bwo kumanika iryo tangazo, kubera ko ikigo cyahariwe indi mirimo itemerera rubanda kukigeramo, bazakoresha nibura n° ebyiri zikurikirana z'ibinyamakuru bibiri bitandukanye byandikirwa mu Rwanda kandi bisohoka nibura rimwe mu kwezi.

**Ingingo ya 18:**

Ibyangombwa birebana n'ubuhanga mu mikorere y'ikigo gikorerwamo ibya farumasi n'ibyangombwa by'isuku mu kazi bigomba kubahirizwa na buri kigo, ndetse n'ibyangombwa byerekeranye n'ubuzima n'imitunganyirize y'akazi bw'abagikoramo bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**Ingingo ya 19:**

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ashobora gutegeka ibigo bikorerwamo ibya farumasi n'abantu bose yemerera gutanga ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi kugira umubare w'ibikoresho byo mu buvuzi n'iseta n'ibintu bikoreshwa mu gusuzuma indwara ndetse n'ingano y'imiti bagomba kuba bafite ku mpamvu zo kurengera ubuzima rusange.

## UMUTWE WA II: IBYEREKEYE INGINGO ZIHARIYE

### IGICE CYA I: I BYEREKEYE FARUMASI ZIGENEWE KUDANDAZA IMITI.

**Ingingo ya 20:**

Farumasi igenewe kudandaza imiti ni ikigo mu ruhare runini rwacyo gikora imirimo yo gushyikiriza abantu bakigana imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga bya farumasi, gutegura, kubika no kugenzura imiterere yabyo.

**Ingingo ya 21:**

Uretse Ibigo by'Ubuzima bya Leta n'ibyagiranye amasezerano nayo, kandi hakurikijwe ingingo ya 6 y'iri tegeko, nta muntu ufite uburenganzira bwo kudandaza imiti atari umufarumasiye.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kandi kubera impamvu zikomeye z'ubuzima rusange, Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ashobora, amaze kubigishamo inama Urugaga rw'Abafarumasiye, guha amashyirahamwe y'ubwisungane n=andi adaharanira inyungu afite ubuzima gatozi uburenganzira bwo gufungura farumasi zidandaza.

**Ingingo ya 22 :**

Farumasi idandaza igomba nibura kugira aho rubanda rugurira imiti kandi ikagira icyapa kigaragara cyerekana izina rya farumasi n'irya nyirayo.

**Ingingo ya 23:**

Hatabangamiwe ibiteganijwe n'ingingo ya 18 y'iri tegeko, Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze agena igihe gike nibura Umufarumasiye ushinzwe Farumasi agomba kuba ari ku kazi ke.

**Ingingo ya 24:**

Igihe umufarumasiye adashoboye kubahiriza amasaha yo gukingura avugwa mu ngingo ya 23, ashaka undi umusimbura wemewe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze nk'uko biteganywa mu ngingo ya 10 y'iri tegeko.

Nta farumasi ishobora gukingura umufarumasiye uyishinzwe cyangwa umusimbura adahari.

**Ingingo ya 25:**

Igihe umufarumasiye afite impamvu ituma adakora mu gihe kirenga amezi atandatu, agomba gufunga burundu imirimo y'iyo farumasi kugira ngo asimburwe n'undi mufarumasiye ushaka gukorera aho hantu. Umusimbuye agomba kwemererwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**Ingingo ya 26:**

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rishyiraho urutonde rw'ibindi bintu bitari ibivugwa mu ngingo ya 2 igika cya 2 cy'iri tegeko, bishobora gutangirwa muri farumasi.

**Ingingo ya 27:**

Abafarumasiye bakorera abandi bantu mu bigo byigenga bafite uburenganzira bwo guhabwa ibihembo, hubahirijwe amategeko mbonezamwuga kandi hakurikijwe akazi bakoze.

Ibyo bihembo bigomba gushingira ku mpamvu z'uko umufarumasiye ari we uryozwa ibikorwa birebana n'akazi nyirizina ka farumasi, imirimo yakoze, iyihutirwa n'izindi nshingano zihariye. Bikubiyemo kandi ibindi bihembo byose biteganywa ku buryo bugaragara kandi byemewe n'amategeko ariho mu Gihugu.

## IGICE CYA II: IBYEREKEYE IBIGO BIRANGUZA

**Ingingo ya 28:**

Muri iri tegeko, ikigo kiranguza ni ikigo cyose gifite umurimo wo kubika, gukwirakwiza no kuranguza kimwe no gutumiza mu mahanga imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi, nk'uko urutonde rwabyo rushyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**Ingingo ya 29:**

Umuntu wese cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi ashobora kwemererwa gufungura no gukorera mu kigo cya farumasi kiranguza, apfa kuba afite umufarumasiye ushoboye ashinga imirimo ya tekiniki y'icyo kigo.

**Ingingo ya 30:**

Buri tumiza mu mahanga ry'imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi rigomba kubanza kubona visa ya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Kwinjiza mu Gihugu imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi, bikorwa habanje kwerekanwa uruhushya rwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, atanga amaze kubona mu mpapuro za ngombwa icyemezo cy'igenzura ry'imimerere yabyo cyatanzwe n'uruganda rwabikoze.

Iyi ngingo igomba no kubahirizwa n'abafarumasiye bitumiriza mu mahanga ibikenerwa n'abarwayi babagana. Yubahirizwa kandi n'indi miryango mpuzamahanga uretse iyo ifitanye amasezerano yandi yihariye na Leta y'u Rwanda.

**Ingingo ya 31:**

Ufite uruhushya rwo gushinga ikigo kiranguza, gikwirakwiza kikanatumiza mu mahanga imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi agomba gukora ibishoboka byose kugira ngo umufarumasiye ugishinzwe atunganye neza umurimo we. Agomba kumuha, iyo bibaye ngombwa, abandi bafarumasiye bamwunganira.

**IGICE CYA GATATU : IBIGO NGANDA BIKORA IMITI N'IBINDI BINTU NGOMBA BUHANGA MU BYA FARUMASI.**

**Ingingo ya 32:**

Ikigo ruganda mu bya farumasi ni ikigo cyose gikora mu buryo bw'uruganda imirimo yo gukora, gusuzuma imimerere y'imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi cyikoreye, kikagenzura niba ibyo bintu byujuje ingero zisabwa n'amategeko akurikizwa mu Gihugu, ndetse kikanabifunga kugira ngo bicuruzwe mu Gihugu no mu masoko mpuzamahanga.

Ikigo ruganda gikora imiti gishobora gutumiza mu mahanga ibikoresho by'ibanze n'ibyuma bya gihanga gikeneye. Muri icyo gihe hakurikizwa ibivugwa mu ngingo ya 30 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 33:**

Umuntu ku giti cye cyangwa se sosiyete ifite ubuzimagatozi ashobora guhabwa uburenganzira bwo gufungura ikigo gikorerwamo imiti, apfa kuba afite umufarumasiye ashinga imirimo ya tekiniki y'icyo kigo.

**Ingingo ya 34:**

Umufarumasiye ushinzwe ikigo yandika buri gihe mu gitabo cyabigenewe, ibikorwa byose birebana no gukora, gusuzuma, kugenzura imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi n'icyo byagezeho. Abishyiraho umukono.

Icyo gitabo cyuzuzwa uko hari igikozwe. Abafarumasiye b'abagenzuzi bashobora kukirebamo buri gihe. Kigomba kubikwa nibura mu gihe cy'imyaka icumi uhereye ku itariki cyuzuriyeho.

**Ingingo ya 35:**

Uruhushya rwo gukora imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi rugomba kwerekana ubwoko bw'ibizakorwa, urwo ruhushya rwemeza n'aho bizakorerwa.

**Ingingo ya 36:**

Buri kigo ruganda cyose gikorerwamo ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi, kigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo amazu, abakozi n'ibikoresho kabuhariwe bikoreshwa mu ruganda bihuze n'amabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubuzima yerekeranye n'imikorere myiza y'ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi.

**Ingingo ya 37:**

Mu gihe umuti cyangwa ikindi kintu ngomba buhanga mu bya farumasi kizamara no mu gihe cy'imyaka itanu ikurikira, umufarumasiye abikira ubugenzuzi mu bya farumasi, urwitegererezo rw'uwo muti cyangwa icyo kintu ngomba buhanga yemeje ko gihuje n'ingero zisabwa n'amategeko akurikizwa mu Gihugu. Urwo rwitegererezo rugomba kuba ruhagije ku buryo rushobora gutuma hakorwa isuzuma rya ngombwa.

**Ingingo ya 38:**

Ufite uruhushya rwo gushinga uruganda rukora imiti cyangwa ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi no kugikoreramo agomba gukora ibishoboka byose kugira ngo umufarumasiye ugishinzwe atunganye neza umurimo we. Bibaye ngombwa, agomba kumuha abandi bafarumasiye bamwunganira.

**IGICE CYA IV: IBYEREKEYE LABORATWARI ZIGENZURA IMITERERE Y'IMITI N'IBINDI BINTU NGOMBA BUHANGA MU BYA FARUMASI.**

**Ingingo ya 39:**

Laboratwari igenzura imimerere y'imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi ni ikigo cyose gishinzwe gusuzuma ibyo bintu no kugenzura ko bihuje n'ingero zishyirwaho n'amategeko akurikizwa mu Gihugu.

Ibyagezweho n'isuzuma byandikwa mu gitabo cyabigenewe. Icyo gitabo kibikwa nibura mu gihe cy'imyaka icumi uhereye igihe cyuzuriye.

**Ingingo ya 40:**

Uruhushya rwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rusobanura neza icyiciro cy'isuzuma cyemewe. Ihindura ryose ry'icyo cyiciro cy'isuzuma rigomba kubanza kwemerwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**INTERURO YA III: IBYEREKEYE IMITI N'IBINDI BINTU NGOMBA BUHANGA MU BYA FARUMASI.**

**UMUTWE WA I : IBYEREKEYE IMITI RUSANGE N'IMITI YIHARIYE.**

**IGICE CYA I : IBYEREKEYE IYEMERWA RY'IMITI RUSANGE N'IMITI YIHARIYE.**

**Ingingo ya 41 :**

Umuti rusange ni umuti wose utagishinganye wateguriwe mu ruganda, kandi ugacuruzwa ku izina rusange mpuzamahanga ry'umuti shingiro rikurikiwe cyangwa ridakurikiwe n'izina ry'uruganda rwawukoze.

Umuti wihariye ni umuti wose wakorewe mu ruganda, ushinganye cyangwa utagishinganye, ufunze ku buryo bwihariye kandi ufite izina ridasanzwe.

**Ingingo ya 42 :**

Hashyizweho Komisiyo y'Igihugu ishinzwe iyemerwa ry'imiti. Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena abagize iyo Komisiyo n'imikorere yayo.

**Ingingo ya 43 :**

Buri muti rusange na buri muti wihariye ucuruzwa mu Gihugu ugomba kubanza kwemerwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Isaba ry'ukwemerwa rigezwa kuri Komisiyo ishinzwe Iyemerwa ry'Imiti ikagira icyo ibivugaho.

Isaba ry'ukwemerwa ryohererezwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze. Rijyana n'ubwishyu bugenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 44 :**

Imiti rusange n'imiti yihariye yemerwa ni iyo uruganda rwakoze rwerekana cyane cyane, ko ivura, ko nta kibazo itera iyo ikoreshejwe nk'uko byagenwe, kandi ko idafite inenge mu mimerere.

Yemererwa igihe cy'imyaka itanu. Cyakora, igihe Leta yakoresheje ipiganwa ry'ibiciro kugira ngo igure imiti, umuti ihisemo kugura usanzwe utemewe, uhita wemerwa mu gihe kitarenze igiteganywa ku ipiganwa.

Uburyo iyemerwa rikorwa bushyirwaho n'iteka rya Perezida wa Repubulika.

Ihindura ryose rya kimwe mu bintu birebana n'ubuhanga byatumye umuti wemerwa rigomba kongera gusabirwa uruhusa rwanditse kwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**Ingingo ya 45:**

Urutonde rw'imiti rusange n'urw'imiti yihariye yemewe rutangazwa buri mwaka mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**Ingingo ya 46:**

Iyemerwa ry'umuti rusange cyangwa iry'umuti wihariye, ntibibuza uruganda rwawukoze kuba rwaryozwa ingaruka zawo zose.

**Ingingo ya 47 :**

Iyo hari impamvu zemeza, zigaragaza ko umuti wemewe ushobora kugira ingaruka ku buzima bw'abantu, Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, abyumvikanyeho na Komisiyo ishinzwe kwemeza imiti, ashobora guhagarika itangwa ryawo mu gihe kitarenze amezi atandatu.

Guhagarika umuti bikorwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, nyuma y'uko uruganda rwawukoze cyangwa uruhagarariye bamaze gutanga ibisobanuro byose.
Igihe umuti wahagaritswe, uruganda rwawukoze cyangwa uruhagarariye bagomba gushyiraho ingamba zihamye kugira ngo bahagarike burundu itangwa ryawo mu baturage.

Itunganywa rifatiweho cyangwa irisanzwe, rikorwa n'umuhanga mu by'imiti, we ubwe ku buryo busobanutse, nta yamamaza rikozwe kandi si ngombwa kubanza kwemerwa.

Ingingo ya 48:

Integuro zikoreweho cyangwa izisanzwe, zitegurwa n'umufarumasiye kandi akazitangira ntayamamaza rikozwe, ntizigomba kubanza kwemerwa.

**IGICE CYA II : IBYEREKEYE IGENABICIRO RY'IMITI.**

Ingingo ya 49

Ibiciro by'imiti bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, amaze kubyumvikanaho n'Abaminisitiri bafite ubucuruzi, imari n'ubworozi mu nshingano zabo.

Ingingo ya 50 :

Nta muti n'umwe ushobora kugurishwa ku giciro kirenze icyemejwe N' igenabiciro rikurikizwa mu Gihugu.

Ingingo ya 51 :

Ibiciro by'imiti rusange n'iby'imiti yihariye bigenwa ikimara kwemerwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Ibiciro by'integuro zikoreweho n'iby'integuro zisanzwe bishyirwaho hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 27 y'iri tegeko.

Ingingo ya 52:

Inzego z'imirimo zishinzwe Igenzura ry'ibya Farumasi n'izishinzwe Igenzura ry'Ubucuruzi zishinzwe kugenzura no kubahiriza amategeko agenga ibiciro by'imiti mu bigo byose bikorerwamo ibya farumasi.

**IGICE CYA III : IBYEREKEYE ITANGWA RY'IMITI MURI FARUMASI.**

Ingingo ya 53 :

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze agena imiti igomba gutangwa herekanwe urupapuro mpesha miti rwanditswe n'umuvuzi ubyemerewe, akagena n'uburyo iyo miti igezwa ku bantu.

Ingingo ya 54:

Buri rupapuro mpesha miti rukorwa mu mpapuro ebyiri zisa, rumwe rutwarwa n'umurwayi urundi rugasigaranwa n'umufarumasiye, kandi rukagira , ku buryo busomeka neza ibi bikurikira :

1. Izina ry'uwarwanditse n'aho abarizwa ;
2. Nomero ye mu rwego rw'abahuje umwuga ;
3. Itariki rwandikiweho ;
4. Izina, imyaka, ibiro n'igitsina by'umurwayi ;
5. Imiti umurwayi yandikiwe, ubwoko bwayo, uko ikoreshwa n'uko ifatwa ;
6. Umukono w'uwarwanditse.

Uburambe bw'urupapuro mpesha miti bumara ukwezi 1 gusa usibye iyo uwarwanditse yabigennye ukundi.

**Ingingo ya 55 :**

Iyo ingero umuti ugomba gufatwamo zitubahirijwe mu rupapuro mpesha miti, umufarumasiye ntashobora kuwutanga atabanje gusobanuza uwarwanditse.

Iyo gusobanuza uwarwanditse bidashobotse cyangwa se ategereje ibisobanuro bye, umuti ushobora gutangwa hakurikijwe ibikubiye mu Gitabo gikubiyemo imiti y'Igihugu.

Icyo gihe, umufarumasiye asobanurira umurwayi impamvu umuti udatanzwe hakurikijwe ingero zanditswe mu mpapuro mpesha miti, akamusaba gusubira ku warwanditse cyangwa se ku wundi muganga banganya ubushobozi.

**Ingingo ya 56 :**

Iyo mu rupapuro mpesha miti hariho imiti ibiri cyangwa myinshi itajyana, umufarumasiye ntashobora kuyigeza ku murwayi atabanje gusobanurira uwarwanditse ishingiro ry'uko kutajyana no kumwereka uko we abona byahindurwa.

**Ingingo ya 57 :**

Umufarumasiye yemerewe gusimbuza umuti wanditswe undi bihuje imbaraga mu kuvura , ariko umuti atanze ukaba uhendutse kurusha uwa mbere kandi umurwayi cyangwa umuganga umuvura abanje kubyemera.

**Ingingo ya 58 :**

Buri mufarumasiye ushinzwe farumasi agomba kugira igitabo cyitwa Orudonansiye yandukuramo imiti yatanze, itegetswe kwandikwa muri Orudonansiye n'integuro zose zikoreweho yatangiye muri farumasi ye.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena ibigomba kwandikwa muri Orudonansiye.

Izo orudonansiye zibikwa mu gihe cy'imyaka icumi uhereye igihe zuzuriye.

**Ingingo ya 59 :**

Buri farumasi itegetswe gushyira kuri buri rupapuro mpesha miti ruyigezeho itariki, ingano y'imiti yatanzwe n'ikashe ya farumasi.

**Ingingo ya 60 :**

Imiti y'urwitegererezo ihabwa abarwayi iyo byihutirwa gusa kandi igatangwa ku buntu.

## UMUTWE WA II : IBYEREKEYE IMITI YAKWANGIZA, IYAKWICA N'IBIYOBYABWENGE.

### IGICE CYA I : IBYEREKEYE IMITI YAKWANGIZA N'IYAKWICA.

**Ingingo ya 61 :**

Farumasi iyo ari yo yose ishobora kugira imiti yakwangiza n'iyakwica. Bazayibika ahantu hiherereye, hafunze, kandi hagenewe kubikwa bene iyo miti.Igomba gutandukanywa n'indi miti isanzwe.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rishyiraho itonde ry'imiti yakwangiza cyangwa yakwica.

Imiti nk'iyo igomba gushyirwa ahantu hatagerwa n'ubonetse wese.

**Ingingo ya 62 :**

Ibintu fatizo byakwangiza cyangwa byakwica bishyirwa mu bikwaruro bikomeye bitanyengerwa kandi bifunze neza, bikandikwaho mu nyuguti zisomeka neza, izina ryabyo rikoreshwa n'indanga idasanzwe y'umutuku yanditseho AUBUROZI mu nyuguti z'umukara n'agahanga k'umupfu.

**Ingingo ya 63 :**

Nta muti urimo ikintu cyangwa ibintu byangiza cyangwa byica ushobora gutangwa nta rupapuro mpesha muti rw'umuvuzi wemewe.

**Ingingo ya 64 :**

Itangwa ryose ry'ikintu cyangiza cyangwa cyica ryandikwa mu gitabo gifite impapuro zabanje gushyirwaho inomero.

Cyandikwamo bikimara kugurishwa. Hashyirwamo itariki byagurishijweho, ibyo ari byo n'uko bingana ; umwirondoro w'uwabiguze n'icyo azabikoresha.

**IGICE CYA II : IBYEREKEYE IBIYOBYABWENGE.**

**Ingingo ya 65 :**

Muri iri tegeko, ikiyobyabwenge ni ikintu cyose kamere cyangwa cyakozwe, kigenewe gukoreshwa mu buvuzi cyangwa mu bushakashatsi, kimenyerwa n'umubiri cyangwa ubwenge kikanabyangiza iyo gikoreshejwe igihe kirekire ku buryo uwagifashe agikenera igihe cyose, bikamutera kugishakisha cyangwa kugisimbuza ikindi kimumerera nkacyo. Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rishyiraho itonde ry'ibiyobyabwenge.

**Ingingo ya 66 :**

Umuti wose urimo ikiyobyabwenge ntushobora gutangwa haterekanywe urupapuro mpesha miti rwashyizweho itariki n'umukono w'umuvuzi wemewe.

Urwo rupapuro mpesha miti rwandikwa mu nyuguti zirambuye, zidasibasibye, zitanakosoye. Kandi rukabaho umwirondoro w'umurwayi, izina n'ingano by'umuti wanditswe n'uburyo ufatwa mu nyuguti zirambuye.

Urupapuro mpesha miti ntirushobora kubonerwaho imiti inshuro ebyeri, kandi imiti yanditsweho ifatwa igihe kitarenze icyumweru.

Ibiri ku rupapuro mpesha miti byandukurwa muri Orudonansiye bigacibwaho umurongo utukura ; byegeranye, bidasibasibye.

**Ingingo ya 67 :**

Bisabwe mu nyandiko iriho itariki n'umukono, umufarumasiye yemerewe guha ibiyobyabwenge abayobozi ba za laboratwari z'ubumenyi byemejwe na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Buri rupapuro mpesha miti cyangwa urupapuro nsababuguzi bw'ibiyobyabwenge rugira agaciro k'iminsi itanu gusa.

**Ingingo ya 68 :**

Abafite ibiyobyabwenge bose bagomba kwandika ingano za buri kiyobyabwenge bafite, mu gitabo kidasanzwe, gifite impapuro zibanje gushyirwaho umukono na nomero na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze cyangwa umuhagarariye.

Ingano zinjiye za buri kiyobyabwenge zandikwa ku rupapuro rwihariye, mu nyuguti zegeranye zidasibasibye.

Gusobanura ibyasohotse bikorwa herekanwa impapuro mpesha miti n'impapuro zemeza ibyasohotse zubahirijwe kandi zibitswe hakurikijwe uko zagiye ziza.

Igitabo kidasanzwe, inyemezabuguzi, inyandiko zisaba n'izindi mpapuro zose zerekeranye n'ibiyobyabwenge bigomba kubikwa nibura imyaka icumi ahantu ubugenzuzi bwa farumasi n'ubucamanza bashobora kuzigeraho buri gihe.

**Ingingo ya 69 :**

Abafite ibiyobyabwenge bose bagomba kubibika ahantu hafungishije urufunguzo kandi hagenewe kubika ibintu nk'ibyo gusa.

**Ingingo ya 70 :**

Gusaba gutumiza mu mahanga ibiyobyabwenge bigomba kubanza kubonerwa uruhushya rwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze cyangwa umuhagarariye.

Utumiza mu mahanga agomba gusobanura ubwoko n'ingano by'ibiyobyabwenge ashaka gutumiza. Iryo saba ntirisuzumwa utumiza ataramenyekanishije ibyo ateganya gutumiza nibura umwaka umwe mbere y'uko abitumiza.

**Ingingo ya 71 :**

Iyo ibiyobyabwenge byatumijwe mu mahanga bigomba koherezwa mu yandi mahanga binyujijwe kuri gasutamo, isohoka ryabyo muri gasutamo rigomba kubonerwa urundi ruhushya. Impushya zo gutumiza, kohereza mu mahanga no kubika ibiyobyabwenge zidakoreshejwe zigomba gusubizwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze mu gihe kitarenze amezi atandatu.

**UMUTWE WA III : IBYEREKEYE IBINDI BINTU NGOMBA BUHANGA MU BYA FARUMASI.**

**Ingingo ya 72 :**

Amabwiriza yihariye arebana n'iyemerwa, igenabiciro, iyamamaza, n'igezwa ku bantu n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi bitari imiti ashobora gushyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE IYAMAMAZA RY'IMITI N'IBINDI BINTU NGOMBABUHANGA MU BYA FARUMASI.**

**Ingingo ya 73 :**

Iyamamaza cyangwa imenyekanisha, ni uburyo bwose bukoreshwa n'inganda, n'abakwirakwiza imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi kugira ngo bamenyekanishe ibigo n'ibintu byabo.

Iyamamaza ry'imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi cyangwa iry'ibigo nganda n'iry'ibigo bikwirakwiza imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi, ryemewe gusa iyo hakurikijwe ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Ashobora kubuza iyamamaza cyangwa imenyekanisha rishobora kugira ingaruka ku buzima rusange.

Iyamamaza ryose rirebana n'umuti cyangwa ikindi kintu ngomba buhanga mu bya farumasi cyahagaritswe cyangwa cyaciwe rirabujijwe.

Ingingo ya 74:

Uburyo bwose bw'iyamamaza bushobora kubeshya rubanda, gukabya ubushobozi mu gukingira, mu gusuzuma cyangwa mu kuvura kw'imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi cyangwa kubitangaho ibisobanuro bituzuye, burabujijwe.

## INTERURO YA IV : IBYEREKEYE FARUMAKOPE NYARWANDA N'IGITABO GIKUBIYEMO IMITI CY'IGIHUGU

Ingingo ya 75:

Farumakope nyarwanda ni amategeko agomba gukurikizwa mu gihe cy'ikorwa ry'imiti, cy'ibiyikomoka ho, kuyisuzuma, kuyibika no kumenya imikoreshereze yayo. Ayo mategeko agenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Ingingo ya 76 :

Hashyizweho Komisiyo y'Igihugu yemeza Farumakope y'Igihugu, ikanayivugurura igihe cyose bibaye ngombwa.
Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena abagize iyo Komisiyo, imikorere yayo n'amategeko igenderaho.

Ingingo ya 77 :

Igitabo cy'Igihugu gikubiyemo imiti gitangazwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze. Gikubiyemo ku buryo buhinnye ubumenyi na tekiniki birebana n'imiti hakurikijwe amazina rusange yayo.

Gishobora kongerwaho amakuru yose afitiye akamaro abakora imirimo bose irebana n'ubuzima mu rwego rw'umurimo wabo rurebana n'imiti.

Ingingo ya 78 :

Buri kigo gikorerwamo ibya farumasi kigomba gutunga igitabo kimwe cya Farumakope nyarwanda n'Igitabo cy'Igihugu gikubiyemo imiti biherutse gusohoka.

## INTERURO YA V : IBYEREKEYE IBIBUJIJWE N'IBITABANGIKANYWA.

Ingingo ya 79 :

Birabujijwe kudandaza no kugurisha kuri rubanda imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi, ahatari muri farumasi.

Gukoresha ijambo AFarumasi mu rwego rw'umurimo w'ubucuruzi ukorewe ahatari mu kigo gikorerwamo ibya farumasi, birabujijwe.

Ingingo ya 80 :

Kugurisha no kubika aho ucururiza, imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi byanduye, byangijwe, bitagifite agaciro, byarengeje igihe cyangwa by'ibyiganano cyangwa haterekanwa inkomoko yabyo, birabujijwe.

Ingingo ya 81 :

Birabujijwe, nk'uko biteganywa mu Gitabo cy'Amategeko Ahana, ku mukozi wese w'imirimo irebana n'ubuzima gutanga, gusaba no kwemera agahimbazamusyi, inyongera y'akarusho cyangwa impano iyo ari yo yose abinyujije ku muntu cyangwa abyikoreye we ubwe mu gihe cyo gushyikiriza cyangwa kwakira imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi. Na none ubugambane bwose hagati y'umufarumasiye n'umuganga bugamije gutanga imiti burabujijwe.

**Ingingo ya 82 :**

Gukomatanya umwuga w'ubufarumasiye n'undi mwuga wa rimwe mu mashami y'ubuhanga bwo kuvura cyangwa imyuga ibushamikiyeho, birabujijwe.

Nyamara, umuganga wikorera ku giti cye agomba kugira bugufi ye imiti y'ibanze hakurikijwe itonde ryayo rishyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**Ingingo ya 83 :**

Gukoresha ku muntu imiti yagenewe inyamaswa birabujijwe.

Birabujijwe kubika hamwe imiti yagenewe inyamaswa n'iyagenewe abantu.

**INTERURO YA VI : IBYEREKEYE UBUGENZUZI BW'IBYA FARUMASI.**

**Ingingo 84 :**

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ashinzwe ubugenzuzi bw'ahantu hose mu Gihugu hakorerwa, habikwa, hasuzumirwa, hagatangirwa imiti cyangwa ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi.

Abagenzuzi batumwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze bagomba kuba bafite impamyabumenyi y'ubufarumasiye.

Basabwa kugira ibanga ry'akazi. Bagenzura imyubahirize y'iri tegeko n'amabwiriza arikomokaho.

Abagenzuzi b'amafarumasi ni abagenzacyaha mu byerekeye ibirebana n'iri tegeko.
Iteka rya Minisitiri ryerekana imirimo umugenzuzi w'amafarumasi ashinzwe n'uburyo ayitunganya.

**Ingingo ya 85 :**

Umurimo w'umugenzuzi w'amafarumasi ntubangikanwa no gutunga ku giti cy'umuntu cyangwa mu rwego rw'ubufatanye, cyangwa rwo gushora imari, ikigo gikorerwamo imirimo ya farumasi.

Birabujijwe kandi ku mugenzuzi w'amafarumasi kugenzura ikigo cyose afitemo inyungu ku buryo butaziguye cyangwa buziguye cyangwa bafitanye isano kugeza ku rwego rwa kabiri hamwe na nyir' ikigo, abafitemo imigabane cyangwa abafarumasiye bagishinzwe.

**Ingingo ya 86:**

Umugenzuzi w'amafarumasi ashobora kwinjira ahantu hose akeka ko hakorerwa imirimo irebana n'ibyerekeye imiti.

Nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kubuza umugenzuzi w'amafarumasi kurangiza inshingano afite yo kugenzura ahakorerwa imirimo irebana n'imiti cyangwa ibindi bijyana nayo.

Biramutse bibaye ngombwa, umugenzuzi w'amafarumasi ashobora gufata imiti mikeya yo gusuzuma ngo arebe imiterere yayo.

**Ingingo ya 87**

Abagenzuzi b'amafarumasi bemeza ko habonetse amakosa kuri iri tegeko n'amabwiriza aryubahiriza bakoresheje inyandiko mvugo zemerwaho ukuri igihe cyose zitaravuguruzwa. Zikorwa mu mpapuro zingana n'umubare ukenewe, imwe ikohererezwa
nyir' ugushinjwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi ikosa rigaragaye.

**Ingingo ya 88**

Iyo bakeka rwose ko, baguye ku miti cyangwa ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi bihumanye, byangiritse, bitagifite agaciro, byahinduwe mu buryo butaribwo, by'ibyiganano cyangwa bidahuje n'ibisabwa n'iri tegeko cyangwa n'amabwiriza aryubahiriza, abagenzuzi b'amafarumasi, bamaze kubyumvikanaho n'abakekwaho ayo makosa kandi babyemeranyijweho na Porokireri wa Repubulika ubifitiye ububasha, bashobora iyo bibaye ngombwa kubirimbura ako kanya cyangwa kubijyana kugira ngo bicibwe ako kanya , bitabujije ko habaho no gukurikiranwa mu nkiko iyo ari ngombwa.

Iyo batumvikanye, iyo miti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi birafatwa bigashyirwaho ubujeni.

Abagenzuzi bakuraho inzitegererezo kugira ngo zisuzumwe muri laboratwari yemewe.

Hakurikijwe icyo isuzuma ryerekanye, ibyo bintu birakomorerwa cyangwa bigakomeza gufatwa kugeza igihe bishobora gucibwa burundu .

**Ingingo ya 89 :**

Mu rwego rwo kubungabunga ubuzima rusange, umugenzuzi w'amafarumasi ashobora gufatira imiti cyangwa ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi bidahuje n'amabwiriza y'itegeko.

Agomba gushyikiriza ikirego cye parike ibishinzwe muri ako karere mu gihe kitarenze iminsi irindwi ikurikira ifatwa ry'iyo miti n'ibintu ngomba buhanga.

**Ingingo ya 90 :**

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze agena akoresheje iteka uburyo inzitegererezo zifatwamo kugira ngo zisuzumwe n'uburyo ibintu bifatirwamo.

**INTERURO YA VII : INGINGO ZIREBANA N'IBIHANO.**

**Ingingo ya 91 :**

Umuntu wese ukora imirimo ihariwe abafarumasiye atujuje ibyangombwa biteganywa n'amategeko azahanishwa igifungo kiri hagati y'amezi atatu n'umwaka n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana atanu cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Uko byagenda kose, ikigo gikorerwamo ibya farumasi kirafungwa.

**Ingingo ya 92:**

Umuntu wese utumiza mu mahanga ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi atabifitiye uruhushya ahanishwa igifungo kiri hagati y'amezi atatu n'umwaka n'ihazabu y'amafaranga miliyoni cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 93:**

Azahanishwa ibihano biteganywa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 91 y'iri tegeko, umuntu uzagerageza kwirengagiza cyangwa kubangamira, yabigeraho cyangwa atabigeraho, mu buryo ubwo ari bwo bwose, imirimo y'abafarumasiye b'abagenzuzi cyangwa uw'abandi bose babifitiye ububasha.

**Ingingo ya 94:**

Ukomatanya imirimo y'ibya farumasi itemewe gukomatanywa , ahanishwa ibihano biteganywa mu ngingo ya 92 y'iri tegeko.

**Ingingo ya 95:**

Gucururiza mu ngo ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi, kubibunza cyangwa kubidandaza mu masoko ku karubanda cyangwa ahandi hantu hose hatemewe, bihanishwa igifungo kiri hagati y'amezi abiri n'umwaka n'ihazabu iri hagati y'amafaranga ibihumbi ijana n'ibihumbi magana atanu cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 96:**

Gutunga rwihishwa, gucuruza no gutanga imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi by'ibyiganano, birengeje igihe cyangwa bitagaragaza inkomoko, bihanishwa igifungo kiri hagati y'umwaka umwe n'imyaka itanu n'ihazabu iri hagati y'ibihumbi magana atanu na miliyoni imwe cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese ucuruza cyangwa utanga imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi byarengeje igihe cyangwa bihumanye, ahanishwa ihazabu iri hagati y' amafaranga ibihumbi ijana n'ibihumbi magana atanu.

Azahanishwa ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'ingingo ya 47 y'iri tegeko, umuntu uwo ari we wese uzanga cyangwa akirengagiza gufata ibyemezo byo guhagarika itangwa ry'umuti, igihe uwo muti uzaba wahagaritswe burundu.

Ubusubiracyaha butuma ibihano biteganywa mu bika bibanza byikuba kabiri , akanamburwa kandi uruhushya rwo gukora uwo mwuga.

**Ingingo ya 97 :**

Umufarumasiye wese ushinzwe ikigo ucuruza ikintu kitemewe ahanishwa ibihano biteganywa mu gika cya mbere cy'ingingo ibanziriza iyi.

**Ingingo ya 98:**

Icyaha cyose cyerekeye kutubahiriza ingingo ya 24, iya 25, iya 50, iya 74 n'iya 79 z'iri tegeko, gihanishwa ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi mirongo itanu kugeza ku bihumbi magana abiri.

Icyaha cyose cyerekeye kutubahiriza ingingo ya 34,iya 36,iya 37, iya 39, iya 40, iya 44 n'iya 58 z'iri tegeko gihanishwa ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana kugera ku mafaranga ibihumbi magana abiri.

Icyaha cyose cyerekeye kutubahiriza ingingo ya 63, iya 66 n'iya 83 y'iri tegeko gihanishwa igihano giteganywa mu gika cya mbere cy'ingingo ya 96 y'iri tegeko. Iyo habaye ubusubiracyaha, uwabikoze yamburwa uburenganzira bwo gukora uwo mwuga kandi ibihano biteganywa mu bika bibanza bigakubwa kabiri.

Iyo hongeye kuba isubiracyaha, ibihano biteganyijwe mu bika bibanziriza iki, bikubwa inshuro ebyiri.

**Ingingo ya 99**

Mu gihe havutse impaka ku bihano bikwiye gukurikizwa hagati y'ibiteganywa n'iri tegeko n'ibisanzwe biteganywa n'andi mategeko, hazakurikizwa itegeko riteganya igihano gikomeye kurusha ibindi.

## INTERURO YA VIII : IBYEREKEYE INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

### UMUTWE WA I : IBYEREKEYE FARUMASI N' IZINDI NGINGO Z'INZIBACYUHO

**Ingingo ya 100 :**

Mu rwego rwo kubungabunga ubuzima rusange, Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ashobora kwemerera, amaze kugisha inama Komisiyo y'Igihugu y'Ishingwa ry'ibigo bikorerwamo ibya farumasi, umuforomo wo mu cyiciro cya A1 cyangwa A2 cyangwa A3 cyangwa se umufasha mu bya farumasi gushinga farumasi no kuyikoreramo mu karere kadafite farumasi hatitawe ku biteganywa mu ngingo ya 6 n'iya 8 z'iri tegeko kandi mu buryo bw'inzibacyuho.

**Ingingo ya 101:**

Farumasi ni inzu ikorerwamo gusa imirimo yo kubika no kudandaza imiti imwe n'imwe n'ibintu ngomba buhanga mu bya farumasi bimwe na bimwe biri kw'itonde rishyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

Imirimo ikorerwa muri farumasi igomba gukurikiranwa kandi ikagendera ku nama z'ubutegetsi bw'akarere bushinzwe ibya farumasi.

**Ingingo ya 102 :**

Gufungura farumasi no kuyikoreramo bisabwa mu ibaruwa ishinganye yohererezwa Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze n'umwe mu bantu bavuzwe mu ngingo ya 99 y'iri tegeko.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena impapuro n'ibindi bintu biherekeza isaba.

**Ingingo ya 103 :**

Uruhushya rwo gufungura farumasi no kuyikoreramo rutangwa by'agateganyo, rwemera farumasi imwe kandi rukamana imyaka itatu.

Iyo farumasi yujuje ibyangombwa bisabwa n'iri tegeko ishinzwe mu karere katagemurirwa imiti, farumasi ishobora gufungwa. Icyo gihe, umuntu ahabwa igihe cy'imyaka ibiri kugira ngo abe yafunze farumasi cyangwa se ayimurire mu kandi karere kadafite farumasi.

Usibye farumasi z'ibigo nderabuzima bya Leta cyangwa byemewe na Leta, gukorera muri farumasi ntibishobora gukomatanywa n'imirimo y'andi mashami y'ubuhanga bwo kuvura n'indi myuga ishamikiyeho.

Uruhushya rwo gufungura farumasi no kuyikoreramo ruhabwa umuntu ku giti cye kandi ntiruhererekanwa.

**Ingingo ya 104 :**

Ushinzwe inzu y'imiti agomba kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko byerekeye ibigo bikorerwamo ibya farumasi. Agenzurwa n'abagenzuzi b'amafarumasi.

**Ingingo ya 105:**

Ibihano biteganijwe mu nteruro ya VII y'iri tegeko bikurikizwa no ku byerekeye farumasi.

**Ingingo ya 106 :**

Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ni we ukora imirimo igenewe Urugaga rw'Abafarumasiye kugeza igihe ruzatangirira gukora rumaze gushyirwaho n'itegeko.

**UMUTWE WA II: IBYEREKEYE INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 107 :**

Amategeko yose yagengaga kugeza ubu umwuga w'ubufarumasiye avanyweho.

**Ingingo ya 108:**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa guhera ku munsi wa mirongo itandatu (60) ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 02/07/1999

**Perezida wa Repubulika**
**Pasiteri BIZIMUNGU**
**(sé)**

**Minisitiri w'Intebe**
**Petero Selesitini RWIGEMA**
**(sé)**

**Minisitiri w'Ubuzima**
**Dogiteri Ezekiyasi RWABUHIHI**
**(sé)**

**Minisitiri w'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba**
**Dogiteri Ephraïm KABAIJA**
**(sé)**

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi**
**Dogiteri Donald KABERUKA**
**(sé)**

**Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukerarugendo**
**Mariko RUGENERA**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Minisitiri w'Ubutabera**
**Yohani w'Imana MUCYO**
**(s é)**